

Ihame ryo kwiyobora mu Uburakari



“Utihutira kurakara aruta intwari.” Imigani 16:32

Byandistwe na rwiyezamirimo,
John E. Schrock

*Ca akarongo ku ijamba rikuru
wabonye muri iri hame.*

Tugomba kumenya neza ko atari bibi kugira uburakari. Uburakari ni imbaraga iba muri twe. Ikaba kandi itandukaniro ry'imbaraga n'intege nke. Abantu benshi bajya basaba imana kujyana uburakari bwabo. Ibi sibyo—uburakari bwacu ni impano y'imbaraga, kandi tujye tubishimira Imana. Ba rwiyezamirimo benshi bagira uburakari bwinshi bityo bika-baha imbaraga zo kugera ku ntego zabo mu buzima.

Uburakari ni nka mazutu—uko uburakari bwiyoungera, ni nako ubukana cyangwa agaciro byiyongera. Kuko byombi ni ibiturika kandi birakaze. Mu gihe tutitondeye iyo mazutu, ishobora gutwika amazu yacu, ariko nyamara ishobora kugira akamaro kanini. Imana idusaba...”kurakara ariko ntiducumure,” bivuze ngo ntitwakagombye kureka ibintu bimwe ngo nuko ari bifite ubukana, ariko biba byiza iyo du-shyizeho amabwiriza y'umutekano kugira ngo dukoreshe neza agaciro kabyo.

Nicyo kimwe, intekerezo zacu ntabwo zigomba kwita gusa mu gusenya uburakari, ahubwo buka buyobora. Buka buhoshya—ntubukagucike. Shyiraho amabwiriza y'umutekano maze urebe ibisubizo atanga. Iyo dufite uburakari tugira imbaraga; dukorana umurava maze tugakora ibintu byinshi icyarimwe. Ntabwo bigira ingaruka ku bitekerezo gusa, ahubwo bitera imbaraga umubiri wacu wose. Ku rundi ruhande, dukoresheje izi

mbaraga dushobora kwangiza. Dushobora gukubita umuntu cyangwa tukamena ibintu, cyangwa tukavugaga amagambo ashobora gusenya umubano bityo ugasanga dutaye agaciro mu muryango wacu.

Mu gihe twumvise ko bizamutse, tugomba kwibaza icyo tugiye gukora, ndetse ni ngaruka byatugirira hamwe nabaturi hafi. Ibi nibyo byitwa kuyobora uburakari dukoresha imbaraga zayo mu buryo bwiza. Abantu bindashyikirwa bagira uburakari bwinshi, ariko bamaze kwitoza kwibaza mbera yuko bakora. Iyi niyo mpamvu bamenyekana nka banyabwenge. Kuyobora uburakari bwacu byubaka icyizere. Ubu se noneho twakubaka dute uburakari bwacu? Ibande rero ku bintu bikurikira:

1. Igihe cyose ujye uzirikana akaga byatera.
2. Igihe cyose ujye ucunganwa n'imyitwarire yawe.
3. Reba agaciro k'uburakari bwawe maze, maze ubibazemo umusaruro.
4. Sohora imbaraga zose udako-

resha maze uzishyire mu mikino/siporo na gahunda z'imyitozo ngororamubiri. Guhagiza umubiri bidufasha gucubya umujinya.

Abagabo bazima bose bazi akamaro k'uburakari, ariko kandi bakamenya nuko bawitwaramo. Ndetse n'ibimera, ibiti n'indabo zigira (uburakari) mu gihe zikura ariko bamara kuzibagara zitanga imbuto. Buri kimwe kigira ibintu bikwiye kwitabwaho bitihise, bitakaza agaciro.

Rero, ujye wishimira uburakari bwawe. Ntukajye wemera ko uburakari buzamuka vuba bitari ibyo uzatwika abakuri iruhande. T-U-Z-A uburakari bwawe. Ahubwo kuresha ubushyuhe bwawo ufasha bagenzi bawe bakonje, bityo uzameyekana nk'umunyabwenge, wiyizi.

Iri hame rigufasha mu kubaka kamere yawe mu gihe cy'umwaka umwe:

Umusingi ku byagezweho

Ibabazo byo kwibazaho:

Uburakari ni impano, gusa “ntituzicuze impamvu uyifite”.

Isuzume Kuva kuri 1 kugera 10	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10
Kuki wihaye aya manota										
Nizihe nyungu azabona mu gihe uzamuye amanota yawe?										
Ese ni kihe gikorwa wakwitoza mu ku gerageza inyungu ziri hame?										
Ingengabihe kw' ihame usoma buri muni	M	K	G	K	G	G	C			

Completed

Not completed